REPUBULIKA Y'U RWANDA

***KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA***

# RAPORO IHINNYE KU MIGENDEKERE Y'AMATORA Y'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO, UMUTWE W'ABADEPITE, YABAYE MURI NZERI 2013

## 1. INTANGIRIRO

Nk'uko biteganywa n' Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, mu ngingo yaryo y'i 180, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifite inshingano yo gutegura no kuyobora amatora y'Inzego z'Ibanze, ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko, aya Perezida wa Repubulika, aya Referandumu n'andi matora itegeko ryayigenera. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifite kandi inshingano yo gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora.

Ni muri urwo rwego, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi iyobora amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, kuko abatowe mu 2008 bari bacyuye igihe.

## 2. IMYITEGURO Y'AMATORA

❖ ***Gahunda y'amatora y'Abadepite, 2013***

Gahunda rusange y'amatora yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 06 Gashyantare 2013. Amataliki y'ingenzi muri iyo gahunda yari aya akurikira:

- 6-12/08/2013:Kwakira kandidatire z'abifuzaga kwiyamamaza;
- 26/08-15/09/2013: Kwiyamamaza kw'Abakandida;
- 15/09/2013: Amatora rusange muri Diaspora;
- 16/09/2013: Amatora rusange mu Rwanda;
- 17/09/2013: Amatora y'Abadepite b'abagore,
- 18/09/2013: Amatora y'Abadepite baturuka mu rubyiruko no mu bafite ubumuga.

## 2.1. Uko gahunda y'Amatora yashyizwe mu bikorwa

- ***Gushaka ingengo y'Imari***

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguriye aya matora y'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, ingengo y'imari yagombaga gukoreshwa ingana na 4,351,418,346 RwF.

- ***Kwigisha no gukangurira Abanyarwanda ibirebana n'amatora***

Ku bufatanye n'inzego zitandukanye (Imiryango itegamiye kuri Leta, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, Komisiyo zitandukanye z'Igihugu, Inzego z'ubuyobozi zinyuranye, Abanyamadini), Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yahuguye ku burere mboneragihugu no ku matora ibyiciro bitandukanye by'Abanyarwanda harimo abagize Inzego z'Ubuyobozi, iz'abagore, iz'urubyiruko, Imiryango itegamiye kuri Leta, Itangazamakuru, Ibigo bya Leta n'ibyigenga, abahagarariye Imitwe ya Politiki mu nzego zayo, Indorerezi z'amatora, Abahagarariye amadini n'Amatorero...

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kandi yakanguriye abaturage guha agaciro no kwitabira amatora ibinyujije mu miyoboro itandukaye: itangazamakuru, inyandiko zitandukanye, ubutumwa bumanitse, ubutumwa bugufi (SMS) na internet, ibiganiro mbwirwaruhame hamwe n'abanyamakuru, inama nyunguranabitekerezo.

- ***Kuvugurura amategeko n'amabwiriza bigenga amatora***

Itegeko No 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 ryaravuguruwe risohoka mu Igazeti ya Leta No 27 bis yo ku wa 8 Nyakanga 2013. Hashingiwe kuri iryo tegeko, hateguwe Amabwiriza y'amatora No 03/2013 yo ku wa 23/07/2013 yifashishijwe n'abagira uruhare bose mu bikorwa by'amatora.

- ***Gutunganya ilisiti y'itora n'amakarita y'itora***

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yavuguruye ilisiti y'itora mu buryo busanzwe ariko hiyongeraho ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kwireba no kwiyimura ukiyandika aho ushaka kuzatorera. Ilisiti ntakuka y'abemerewe gutora yatangajwe ku itariki ya 01/09/2013 iriho abantu 5.953.531 barimo urubyiruko (62%), abagore (54%) n'abagabo (46%). Uwo mubare niwo wagendeweho hakorwa amakarita y'itora.

- ***Gushaka ibikoresho by'amatora***

Ibikoresho by'amatora byari bikenewe byarashatswe binyuze mu ipiganwa mu masoko kandi bigezwa ku gihe ahagomba gutorerwa. Ni ukuvuga Ibiro by'itora 2,285 zigizwe n'ibyumba 15,693 mu gihugu hose.

- ***Gutumira no kwakira indorerezi z'amatora***

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatumiye inakira indorerezi z'amatora guhera ku itariki ya 01 Kamena 2013 kugeza ku italiki ya 14 Nzeri 2013 kandi iziha ibyangombwa byo gukurikirana amatora. Hakiriwe indorerezi 1,572 harimo 1,339 zo mu gihugu na 233 zaturutse mu mahanga.

- ***Guhugura abayoboye amatora***

Amatora y'Abadepite yayobowe n'Abakorerabushake bo mu nzego zitandukanye bagera kuri 75,029. Abayoboye amatora bahuguwe ku miyoborere y'amatora mu byiciro bibiri bitandukanye, hagati ya Mutarama na Mata 2013 no muri Nzeri 2013.

- ***Kwakira kandidatire no kuzemeza***

Hakurikijwe ingengabihe yatanzwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, kandidatire zakiriwe hagati y'itariki ya 6 na 12 Kanama zinemezwa burundu kw'itariki ya 19 Kanama.

Abakandida bakiriwe bose ni 441, harimo abagore 221 (50%) n' urubyiruko 155 (35%). Abemerewe kwiyamamaza ni 410 (bihwanye na 93%), barimo abagore 204 (50%) n'urubyiruko 153 (37%). Abakandida batemerewe hamwe n'abakuyemo kandidatire zabo ni 31 (bihwanye na 7%) nk'uko biboneka mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imibare ya kandidatire zakiriwe n'izemejwe**

| No | IBYICIRO | KANDIDATIRE ZAKIRIWE | KANDIDATIRE ZEMEJWE |
|---|---|---|---|
| **1.** | **Abakandida bigenga** | **5** | **4** |
| **2.** | **Imitwe ya Politiki** | | |
| | FPR-INKOTANYI + (PDI, PSR, PPC, PDC) | 80 | 80 |
| | PS IMBERAKURI | 63 | 45 |
| | PSD | 80 | 76 |
| | PL | 68 | 64 |
| **3.** | **Abagore** | 105 | 103 |
| **4.** | **Urubyiruko** | 24 | 23 |
| **5.** | **Abafite ubumuga** | 16 | 15 |
| **Igiteranyo** | | **441** | **410** |
| **Ijanisha (%)** | | | **93** |

❖ ***Kwiyamamaza kw'abakandida***

Kwiyamamaza kw'Imitwe ya Politiki n'Abakandida bigenga byakorewe mu gihugu hose kandi bikurikiranwa n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora umunsi ku wundi. Abakandida Depite b'Abagore biyamamarizaga hamwe, ku ma tariki n'ahantu hagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, imbere y'Inteko zabatoye muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali. Abakandida Depite baturuka mu rubyiruko no mu bafite ubumuga biyamaje ku munsi w'itora imbere y'Inteko zabatoye, i Kigali ahagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

❖ ***Kuyobora amatora nyirizina no gutanganza ibyayavuyemo***

Amatora yayobowe kandi akorerwa ku mataliki yagenwe. Abanyarwanda bagombaga gutora bitabiriye amatora ku gipimo cya 98.8%.

Ibyavuye mu matora byatangajwe burundu na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora tariki ya 20/09/2013 ni Abadepite 53 batowe ku buryo butaziguye, abadepite 24 b'abagore na 2 b'urubyiruko. Hatowe n'Umudepite umwe mu cyiciro cy'abafite ubumuga watangajwe tariki ya 27/09/2013 nyuma y'uko Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ibyavuye mu matora y'icyo cyiciro. Imibare y'imyanya yatsindiwe n'abakandida mu byiciro binyuranye ikubiye mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imibare n'ibyiciro by'Abatorewe imyanya mu Nteko Ishinga Amategeko, 2013**

| | IBYICIRO BY'ABAKANDIDA | IMYANYA BABONYE |
|---|---|---|
| **1.** | **Imitwe ya Politiki n'Abakandida Bigenga** | |
| | FPR-INKOTANYI + (PDI, PSR, PPC, PDC) | 41 |
| | PSD | 7 |
| | PL | 5 |
| | ***Igiteranyo*** | ***53*** |
| **2.** | **Abagore** | |
| | UMUJYI WA KIGALI | 2 |
| | AMAJYARUGURU | 4 |
| | AMAJYEPFO | 6 |
| | IBURASIRAZUBA | 6 |
| | IBURENGERAZUBA | 6 |
| | ***Igiteranyo*** | ***24*** |
| **3.** | **Urubyiruko** | **2** |
| **4.** | **Abafite Ubumuga** | **1** |
| ***Igiteranyo rusange*** | | ***80*** |

Amazina y'abatsindiye imyanya mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepita, hashingiwe ku majwi abakandida babonye, ari ku mugereka.

## 3. IBISHIMWA KU MIGENDEKERE Y'AMATORA

Muri rusange amatora yagenze neza, abanyarwanda kimwe n'indorerezi z'abanyamahanga barayashima. Ariko cyane cyane hashimwa ibikurikira:

- ✓ Ubufatanye n'izindi nzego zinyuranye, mu bikorwa by'amatora,
- ✓ Umubare munini w'abatanze kandidatire,
- ✓ Imyitwarire y'Imitwe ya Politiki, Abakandida bigenga n'Abaturage muri rusange mu gihe cyo kwiyamamaza;
- ✓ Ubwitabire mu matora,
- ✓ Kwakira neza ibyavuye mu matora muri rusange.

## 4. IMBOGAMIZI ZAGARAGAYE MU MATORA

Habayeho cyane cyane: **Gutinda kwemezwa kw'Itegeko rivuguruye rigenga amatora.**

Gutinda gusohoka kw' Itegeko rivuguruye rigenga amatora byatumye hari ibikorwa bimwe na bimwe mu myiteguro y'amatora bitakorewe igihe kubera ko byagombaga gushingira kuri iryo tegeko nko gutegura no kwemeza amabwiriza y'amatora, guhugura abayobora amatora kuri ayo mabwiriza n'ibindi.

## 5. UMUSOZO

Amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, yagenze neza kandi yitabirwa n'Abanyarwanda benshi nk'uko bisanzwe. Ibi ni umusaruro w'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora zashyizwemo ingufu zigaragara mu gihe cy'imyiteguro y'amatora.

Ibi kandi Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ibikesha cyane cyane ubufatanye n'inzego zose zigira uruhare mu bikorwa by'amatora, hamwe n'ubushake bw'Abanyarwanda mu kwihitiramo Inzego zibahagararira.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira byimazeyo Leta y'u Rwanda n'Abanyarwanda bose inkunga zitandukanye batahwemye kuyitera mu kurangiza neza iki igikorwa cy'amatora.

Bikorewe i Kigali, ku wa 27 Nzeri 2013.

Prof. KALISA MBANDA,
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

## *UMUGEREKA: Amazina y'Abatsindiye imyanya mu Nteko, 2013*

### UMURYANGO FPR-INKOTANYI+ (PDI, PSR, PPC, PDC)

| No | AMAZINA | UMUTWE WA POLITIKI |
|---|---|---|
| 1 | UWACU Julienne | FPR |
| 2 | MUTIMURA Zeno | FPR |
| 3 | MUKANDUTIYE Spéciose | FPR |
| 4 | SEMASAKA Gabriel | FPR |
| 5 | KANKERA Marie Josee | FPR |
| 6 | KAYIRANGA Alfred | FPR |
| 7 | KAYITESI Liberata | FPR |
| **8** | **MUKAMA Abbas** | **PDI** |
| 9 | KAYITARE Innocent | FPR |
| 10 | MURUMUNAWABO Cecile | FPR |
| 11 | MUSABYIMANA Samuel | FPR |
| 12 | MUKARUGEMA Alphonsine | FPR |
| 13 | KABONEKA Francis | FPR |
| 14 | MUKAZIBERA Agnes | FPR |
| 15 | RWIGAMBA Fidel | FPR |
| 16 | MUKAYUHI RWAKA Constance | FPR |
| 17 | MUKAYISENGA Françoise | FPR |
| 18 | BARIKANA Eugene | FPR |
| **19** | **RUCIBIGANGO Jean Baptiste** | **PSR** |
| 20 | MUREKATETE Marie Therese | FPR |
| 21 | BAMPORIKI Edouard | FPR |
| 22 | KANTENGWA Julianna | FPR |
| 23 | NYANDWI Desiree | FPR |
| 24 | BWIZA Connie | FPR |
| 25 | GATABAZI Jean Marie Vianney | FPR |
| 26 | MUKABAGWIZA Edda | FPR |
| 27 | RUKU RWABYOMA John | FPR |
| 28 | MURESHYANKWANO Marie Rose | FPR |
| 29 | MUDIDI Emmanuel | FPR |
| 30 | NYIRASAFARI Esperance | FPR |
| **31** | **KAREMERA Thierry** | **PPC** |
| 32 | MPORANYI Théobald | FPR |
| 33 | MWIZA Esperance | FPR |
| 34 | KARENZI Theoneste | FPR |
| 35 | TENGERA TWIKIRIZE Francesca | FPR |
| 36 | NYIRABEGA Euthalie | FPR |
| 37 | SEMAHUNDO NGABO Amiel | FPR |
| 38 | NYIRABAGENZI Agnes | FPR |
| **39** | **MUKAKARANGWA Clotilde** | **PDC** |
| 40 | HABIMANA Saleh | FPR |
| 41 | BEGUMISA Theoneste SAFARI | FPR |

**Mu ISHYAKA PSD**

| No | AMAZINA |
|---|---|
| 1 | NKUSI Juvénal |
| 2 | MUKAKANYAMUGENGE Jacqueline |
| 3 | MUKANDASIRA Caritas |
| 4 | BAZATOHA Shyaka Adolphe |
| 5 | NIYONSENGA Théodomir |
| 6 | NYIRAHIRWA Vénéranda |
| 7 | RUTAYISIRE Georgette |

**Mu ISHYAKA PL**

| No | AMAZINA |
|---|---|
| 1 | MUKABALISA Donatille |
| 2 | BYABARUMWANZI François |
| 3 | KALISA Evariste |
| 4 | MUKAMURANGWA SEBERA Henriette |
| 5 | MUNYANGEYO Théogène |

**MU BAGORE**

| No | AMAZINA | AHO BATOREWE |
|---|---|---|
| 1 | MUKANTABANA Rose | Umujyi wa Kigali |
| 2 | UWAYISENGA Yvonne | |
| 3 | MUJAWAMARIYA Berthe | Iburasirazuba |
| 4 | NYIRAGWANEZA Athanasie | |
| 5 | MUTESI Anitha | |
| 6 | UWIMANIMPAYE Jeanne d'Arc | |
| 7 | MUKANDERA Iphigénie | |
| 8 | MUKARUGWIZA Annonciathe | |
| 9 | NIKUZE Nura | Iburengerazuba |
| 10 | MANIRARORA Annoncée | |
| 11 | MUKANDEKEZI Petronille | |
| 12 | NYINAWASE Jeanne d'Arc | |
| 13 | UWAMAMA Marie Claire | |
| 14 | MUKABIKINO Jeanne Henriette | |
| 15 | NYIRAMADIRIDA Fortunee | Amajyaruguru |
| 16 | UWAMARIYA Devota | |
| 17 | MUKAYIJORE Suzanne | |
| 18 | KABASINGA Chantal | |
| 19 | MUHONGAYIRE Christine | Amajyepfo |
| 20 | MUKANYABYENDA Emmanuelie | |
| 21 | IZABIRIZA Marie Mediatrice | |
| 22 | GAHONDOGO Athanasie | |
| 23 | NYIRARUKUNDO Ignacienne | |
| 24 | UWANYIRIGIRA Gloriose | |

## MU RUBYIRUKO

| No | AMAZINA |
|---|---|
| 1 | UWIRINGIYIMANA Philbert |
| 2 | MUKOBWA Justine |

## MU BAFITE UBUMUGA

| No | AMAZINA |
|---|---|
| 1 | RUSIHA Gastone |